REPUBULIKA Y'U RWANDA

INAMA NKURU Y'ITANGAZAMAKURU
Tél : 519788/9
B.P.: 6929 KIGALI
e-mail : highcouncilofthepress@yahoo.fr

RAPORO Y'ISESENGURA KU BYATANGAJWE N'IBITANGAZAMAKURU UBWO U RWANDA RWIBUKAGA KU NSHURO YA CUMI N'IMWE JENOSIDE YO MU MWAKA W' 1994

Kigali, kuwa 25 Gicurasi 2005

© Rwanda Media Monitoring Team

Inshamake

Iyi raporo y'Inama Nkuru y'Itangazamakuru ku isesenguramakuru ryakozwe ku byatangajwe n'amaradiyo, televiziyo n' ibinyamakuru muri iki gihe hibukwa ku nshuro ya 11 jenoside yabaye mu Rwanda mu mwaka w'1994 ni iya kane. Iri sesengura ryakozwe ku makuru yatangajwe kuva kuwa 7 kugeza kuwa 14 Mata 2005 ku maradiyo na televiziyo, no kuva kuwa 4 kugeza kuwa 18 Mata 2005 ku binyamakuru. Iri sesenguramakuru rigamije kugaragaza uko itangazamakuru ryo mu Rwanda ryamenyesheje rikanajijura abanyarwanda n' abanyamahanga ku birebana no kwibuka ku nshuro ya 11 jenoside yabaye mu Rwanda mu mwaka w' 1994.

Uretse intangiriro, iyi raporo igizwe n'ibice bibiri by'ingenzi: igice gisesengura amakuru yatangajwe n'amaradiyo na televiziyo, n'igice gisesengura amakuru yasohotse mu binyamakuru; igasozwa n'umwanzuro ndetse n'ibyifuzonama.
Iyi raporo y'isesenguramakuru iragaragaza ko ibitangazamakuru byakoze umurimo wabyo ku buryo bukurikira:

- Kwibuka abazize jenoside ni yo ngingo yibanzweho n'itangazamakuru, ryaba iryandika ryaba n'irikoresha amajwi n'amashusho.
- Izindi ngingo zibanzweho ku maradiyo na televiziyo ni ingengabitekerezo ya jenoside, n'ukuri mu nkiko Gacaca mu binyamakuru.
- Mu nkuru zatangajwe zigakorerwa isesengura, inyinshi muri zo ni izivuga ibyakozwe n'ibyavuzwe ahanini n'abayobozi mu mihango yo kwibuka jenoside.
- Ku binyamakuru, inkuru zisesengura, izigaragaza ibitekerezo bwite by' abanyamakuru, iby' abasomyi (mu biganiro cyangwa se ikusanyabitekerezo) ntibyagaragaye kenshi.
- Uretse inkuru zishyirwa mu rwego rw'igihugu n'izivuga ibyo mu mahanga, ibitangazamakuru (byaba ibyandika, byaba n' ibikoresha amajwi n'amashusho) byakunze kwibanda ku kuvuga ibyabereye mu mujyi wa Kigali.
- Hari ibitangazamakuru bitakorewe isesenguramakuru kuko nta makuru byatangaje mu gihe cyo kwibuka jenoside ku nshuro ya cumi n'imwe.

Muri make, ibitangazamakuru byakorewe isesenguramakuru byagerageje kuzuza inshingano zabyo, bimenyesha kandi bijijura abanyarwanda n'abanyamahanga ku bijyanye no kwibuka jenoside yabaye mu Rwanda. Nubwo ariko itangazamakuru ryagerageje gukora umurimo waryo, hari ingingo z'ingenzi zitagarutsweho cyane. Izo ni nk'ubumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda, uruhare rw'itangazamakuru muri jenoside, n'izindi zigaragazwa muri iyi raporo. Ikindi kandi, biragaragara ko itangazamakuru ryakunze kwibanda mu mijyi kurusha ibyaro.

IBIRIMO

INSHAMAKE ..... **II**
IBIRIMO ..... **III**
URUTONDE RW' IMBONERAHAMWE ..... **IV**
URUTONDE RW'IBISHUSHANYO ..... **IV**
IBISOBANURO BY'AMAGAMBO AHINNYE ..... **V**
0. INTANGIRIRO **1**
0.1. UMUSOGONGERO **1**
0.2. IKIGAMIJWE **1**
0.3. UBURYO BWAKORESHEJWE **2**
IGICE CYA MBERE **6**
I. ITANGAZAMAKURU RIKORESHA AMAJWI N'AMASHUSHO **6**
1.1. KUMENYESHA AMAKURU **6**
1.1.1. IBYATANGAJWE **6**
1.1.2. IBYIBANZWEHO **9**
1.1.3. AHANTU IBIVUGWA MU NKURU BYABEREYE **10**
IGICE CYA KABIRI **14**
II. ITANGAZAMAKURU RIKORESHA INYANDIKO **14**
2.1. GUTANGAZA INKURU **14**
2.1.1. UBWOKO BW'INKURU ZATANGAJWE **14**
2.1.2. IBYATANGAJWE **15**
2.1.3. ICYIBANZWEHO **17**
2.1.4. INKOMOKO Y'INKURU **19**
2.1.5. AHANTU IBIVUGWA MU NKURU BYABEREYE **21**
UMWANZURO N'IBYIFUZONAMA **23**

URUTONDE RW' IMBONERAHAMWE

IMBONERAHAMWE YA 1: RADIYO, TELEVIZIYO N'IBINYAMAKURU BYAKOREWE ISESENGURAMAKURU 2
IMBONERAHAMWE YA 2: IKIVUGWAHO 3
IMBONERAHAMWE YA 3: ICYIBANZWEHO 4
IMBONERAHAMWE YA 4: INKOMOKO Y'INKURU 4
IMBONERAHAMWE YA 5: IKIVUGWAHO 1 6
IMBONERAHAMWE YA 6: ICYIBANZWEHO 1 9
IMBONERAHAMWE YA 7: AHANTU 1 11
IMBONERAHAMWE YA 8: INKOMOKO Y'INKURU 1 12
IMBONERAHAMWE YA 9: UBWOKO BW'INKURU 14
IMBONERAHAMWE YA 10: IKIVUGWAHO 2 16
IMBONERAHAMWE YA 11: ICYIBANZWEHO 2 18
IMBONERAHAMWE N° 12: INKOMOKO Y'INKURU 2 19
IMBONERAHAMWE YA 13: AHANTU 2 21

URUTONDE RW'IBISHUSHANYO

IGISHUSHANYO CYA 1: IKIVUGWAHO 1 8
IGISHUSHANYO CYA 2: ICYIBANZWEHO 1 10
IGISHUSHANYO CYA 3: AHANTU 1 12
IGISHUSHANYO CYA 4: INKOMOKO Y'INKURU 1 13
IGISHUSHANYO CYA 5: UBWOKO BW'INKURU 15
IGISHUSHANYO CYA 6: ICYIBANZWEHO 2 19
IGISHUSHANYO CYA 7: INKOMOKO Y'INKURU 2 20
IGISHUSHANYO CYA 8: AHANTU 2 22

IBISOBANURO BY'AMAGAMBO AHINNYE

BBC **:** British Broadcasting Corporation
RMMT **:** Rwanda Media Monitoring Team (Ikipe y'abasesenguramakuru mu Rwanda)
TVR **:** Télévison Rwandaise (Televiziyo y'u Rwanda**)**
VOA **:** Voice of America (Ijwi ry'Amerika)
FM **:** Frequency Modulation

0. Intangiriro

0.1. Umusogongero

Kugira ngo ibashe kurangiza inshingano yayo y' ibanze yo kugenzura, kurengera no guteza imbere itangazamakuru mu Rwanda, Inama Nkuru y'Itangazamakuru yashyizeho ikipe y'abasesenguramakuru iyifasha, ishinzwe gusesengura ibitangazwa n' ibinyamakuru, amaradiyo na televiziyo, ikaba ikorera mu bunyamabanga nshingwabikorwa bwayo. Raporo ku isesengura ry'ibitangazwa n'amaradiyo na televiziyo ndetse n'ibyandikwa n'ibinyamakuru, zigamije kugaragaza uko buri gitangazamakuru gihagaze mu kuzuza inshingano yacyo y'ibanze: gutangaza amakuru, kujijura (kwigisha) no gushimisha, hubahirizwa amategeko n'amahame bigenga abanyamakuru n'umwuga w'itangazamakuru mu Rwanda.

Mu gihe u Rwanda rwibuka ku nshuro ya cumi n'imwe (11) jenoside yabaye mu mwaka w' 1994, nk'uko byakozwe umwaka ushize, iyo kipe yakoze isesengura ry'amakuru y' amaradiyo na televiziyo yatangajwe mu cyumweru cy'icyunamo hagati y'itariki ya 7 n'iya 14 Mata 2005. Amakuru y'ibinyamakuru yakorewe isesengura yo ni ayo kuva kuwa 4 kugeza kuwa 18 Mata 2005. Iki gihe kikaba cyaragenwe hagendewe ku misohokere y' ibinyamakuru itandukanye. Inkuru zasesenguwe zose hamwe ni 135, zirimo 69 mu itangazamakuru rikoresha amajwi n'amashusho, na 66 mu itangazamakuru ryandika.

0.2. Ikigamijwe

Iri sesengura rigamije kugera kuri izi ntego:

Intego rusange:

- Kugaragaza uko itangazamakuru ryo mu Rwanda ryamenyesheje rikanajijura abanyarwanda n' abanyamahanga ku birebana no kwibuka ku nshuro ya 11 jenoside yabaye mu Rwanda mu mwaka wa 1994;

Intego zihariye:

- Kugaragaza uruhare rw'itangazamakuru mu gushaka umuti wa bimwe mu bibazo byugarije igihugu bifatiye kuri jenoside nk'ingengabitekerezo yayo n'amacakubiri.
- Kugaragaza uruhare rw'itangazamakuru muri politiki y'igihugu yo kubanisha abanyarwanda nyuma ya jenoside hagamijwe ubumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda, gushyigikira inkiko Gacaca, n'ibindi.

0.3. Uburyo bwakoreshejwe

Mu gukora iyi raporo hakoreshejwe uburyo bukurikira:

- Guhitamo ibitangazamakuru byo gukorerwa isesengura: ibikoresha amajwi n' amashusho n' ibikoresha inyandiko;
- Kugena igihe cy'ikusanyamakuru;
- Kwegeranya ibikoresho bizifashishwa mu ikusanyamakuru;
- Gutoranya ingingo za ngombwa no kuzuzuza mu byuma kabuhariwe mu kubara (mudasobwa);
- Gusesengura izo ngingo no kwandika raporo.

Dore urutonde rw'ibitangazamakuru byakorewe isesengura.

Imbonerahamwe ya 1: Radiyo, televiziyo n'ibinyamakuru byakorewe isesenguramakuru

Ubwoko bw'ibitangazamakuru	**Izina ry'igitangazamakuru**	**Nimero/ itariki**	**Ururimi**	**Igihe**
RADIYO	BBC	7-14 Mata 2005	Ikinyarwanda & Ikirundi	18:30
	Contact FM	7-14 Mata 2005	Ikinyarwanda	20:00
	Flash FM	7-14 Mata 2005	Ikinyarwanda	7:00
	Radiyo Rwanda	7-14 Mata 2005	Ikinyarwanda	19:00
	VOA	7-14 Mata 2005	Ikinyarwanda & Ikirundi	6:00
TELEVIZIYO	TVR	7-14 Mata 2005	Ikinyarwanda	19:30
IBINYAMA-KURU	Umuseso	N˚ 213 (30/3-6/4/05) ; N˚ 214 (14-21/4/05)	Ikinyarwanda	-
	Imvaho Nshya	N˚1595 (4-10/4/05) ; N˚ 1596 (11-17/4/05)	Ikinyarwanda	-
	The New Times	N˚ 671 (6-7/4/05) ; N˚ 672 (8-10/4/05), N˚ 673 (11-12/4/05), N˚ 674 (13-14/4/05)	Icyongereza	-
	Rushyashya	N˚ 29 (Mata 2005)	Ikinyarwanda	-
	Kinyamateka	N˚ 1666 (Mata I 2005)	Ikinyarwanda	-
	La Nouvelle Relève	N˚ 511 (4-11/4/05) ; N˚ 512 (11-18/4/05)	Igifaransa	-
	Ubumwe	N˚ 136 (14-20/4/05)	Ikinyarwanda	-
	Ingabo Magazine	N˚ 125 (Mata 2005)	Ikinyarwanda	-

Nk'uko bigaragara muri iyi mbonerahamwe, hari amaradiyo ndetse n'ibinyamakuru bitakorewe isesenguramakuru kuko:

a) Radiyo zakorewe isesenguramakuru ni izibasha kumvikana mu mugi wa Kigali, uretse **Radio 10** itaratangaje amakuru mu cyumweru cy'icyunamo. Amaradiyo atarakorewe isesengura kubera ko atumvikana mu mujyi wa Kigali ni

Radiyo IZUBA ikorera mu ntara ya Kibungo, **Radiyo Mariya-Rwanda** ikorera mu Ntara ya Gitarama, Radiyo z'Abaturage zikorera mu ntara ya Butare, Gisenyi na Cyangugu.
b) Hari ibinyamakuru bitagize nimero cyangwa inyandiko n'imwe bitangaza ku birebana n'ibyakozwe mu gihe cyagenwe cy'isesengura.

Mu gihe cy'ikusanyamakuru, hatoranyijwe inkuru zivuga ku kwibuka ku nshuro ya 11 jenoside yabaye mu Rwanda mu w'1994. Ku birebana n' amaradiyo na televiziyo hakurikiwe gusa amakuru y'ikinyarwanda kuko ari yo abaturarwanda benshi bumva kandi akaba ari na yo avugwa mu ndimi z'amahanga zikoreshwa n'ayo maradiyo. Kuri ***Radiyo BBC*** na ***VOA***, hakurikiwe gahunda zitangaza amakuru yo mu karere k'ibiyaga bigari mu Kinyarwanda n'Ikirundi.

Nk'uko byavuzwe mu nshamake, iyi raporo igizwe n'ibice bibiri by'ingenzi: igice kirebana n'itangazamakuru rikoresha amajwi n'amashusho n'ikirebana n'itangazamakuru rikoresha inyandiko. Impamvu iyi raporo yakozwe mu bice bibiri ni uko imitangarize y'inkuru yabyo itandukanye: itangazamakuru rikoresha amajwi n'amashusho ryubahiriza igihe (airtime) kandi rikihuta kurusha iryandika, naho irikoresha inyandiko ryubahiriza umwanya riba rifite ku mpapuro (space).

Nubwo ibi bice byatandukanyijwe mu gukora raporo, ingingo zashingiweho mu isesenguramakuru bizihuriyeho kuko byombi bihuriye ku nshingano z' itangazamakuru. Zimwe muri izo ngingo ni izi: **ikivugwaho mu nkuru, icyibanzweho mu nkuru, inkomoko y'inkuru (abantu/inyandiko), ahantu inkuru ikomoka, ndetse n'ubwoko bw'inkuru**.

Imbonerahamwe ya 2: Ikivugwaho

Ikimenyetso	Ikivugwaho
A	Icyateye jenoside
B	Imibereho y'abacitse ku icumu
C	Kurwanya jenoside
D	Umutekano w'abacitse ku icumu
E	Umutekano w'abatangabuhamya mu nkiko Gacaca
F	Impozamarira ku bacitse ku icumu
G	Kwibuka abazize jenoside (inzibutso, ubuhamya, inyandiko, ibihangano..)
H	Uruhare rw'amahanga muri jenoside
I	Imyitwarire y'umuryango mpuzamahanga muri jenoside
J	Uruhare rw'umuryango mpuzamahanga mu gusana u Rwanda
K	Ubushakashatsi kuri jenoside
L	Uruhare rw'imitwe ya politiki muri jenoside
M	Ubumwe n'ubwiyunge
N	Ubutabera
O	Inkiko Gacaca

P	Uruhare rw'amadini muri jenoside
Q	Amashyirahamwe y'abacitse ku icumu
R	Irondamoko n'amacakubiri
S	Uburenganzira bw'ikiremwamuntu
T	Uruhare rw'itangazamakuru muri jenoside
U	Ubujyanama ku ihungabana
V	Politiki yo kurwanya jenoside
W	Itegurwa ry'icyunamo
X	Imyumvire y'abatavuga rumwe na Leta
Y	Gupfobya jenoside
Z	Ingengabitekerezo ya jenoside

Imbonerahamwe ya 3: Icyibanzweho

Ikimenyetso	Icyibanzweho
2a	Uburenganzira bw'ikiremwamuntu
2b	Ivangura ry'amoko n'amacakubiri
2c	Ihohoterwa rishingiye ku gitsina
2d	Ubutabera nyuma ya jenoside
2e	Ibibazo by'abacitse ku icumu
2f	Uruhare rw'umuryango mpuzamahanga
2g	Imibereho y'imfubyi n'abapfakazi
2h	Umutekano w'abacitse ku icumu
2i	Umutekano w'abatangabuhamya mu nkiko Gacaca
2j	Impozamarira ku bacitse ku icumu
2k	Kwibuka abazize jenoside
2l	Kuvugisha ukuri mu nkiko Gacaca
2m	Ingengabitekerezo ya jenoside
2n	Gupfobya jenoside

Imbonerahamwe ya 4: Inkomoko y'inkuru

Ikimenyetso	Inkomoko y'inkuru
S1	Abayobozi
S2	Abayobozi n'abayoborwa
S3	Abayoborwa
S4	Abanyamahanga
S5	Ibiro ntaramakuru
S6	Inyandiko
S7	Abayobozi, abanyamahanga, inyandiko
S8	Abayobozi, abayoborwa, inyandiko
S9	Abanyamahanga, inyandiko
S10	Ibiro ntaramakuru, inyandiko

Ingingo zigaragazwa mu mbonerahamwe ya 2; iya 3 n' iya 4 ni zo zashingiweho mu isesenguramakuru, hagaragazwa uko ibitangazamakuru byamenyesheje bikanahugura abanyarwanda n'abanyamahanga ku byerekeranye no kwibuka ku nshuro ya 11 jenoside yabaye mu Rwanda mu w'1994.

IGICE CYA MBERE

I. ITANGAZAMAKURU RIKORESHA AMAJWI N'AMASHUSHO

1.1. KUMENYESHA AMAKURU

Nk'uko imwe mu nshingano z'itangazamakuru ari ukumenyesha amakuru anyuranye, y'imvaho kandi yuzuye, isesenguramakuru ryakozwe ku maradiyo na televiziyo ryibanze ku kivugwaho mu makuru, icyibanzweho, inkomoko y'inkuru n'ahantu ibivugwa mu nkuru byabereye. Izi ngingo zibanzweho, zifasha kugaragaza neza uko ibitangazamakuru byujuje iyi nshingano.

1.1.1. Ibyatangajwe

Ibyatangajwe n'amaradiyo na televiziyo mu cyumweru cy'icyunamo bikubiye mu ngingo zinyuranye, ari zo zitwa ***ikivugwaho*** muri iyi raporo. Zimwe muri zo ni izi: kwibuka abazize jenoside, ubutabera nyuma ya jenoside, inkiko Gacaca, gupfobya jenoside, ingengabitekerezo ya jenoside n'izindi zigaragazwa mu mbonerahamwe ikurikira.

Imbonerahamwe ya 5: Ikivugwaho 1

Igitangazamakuru / Ikivugwaho	BBC	Contact FM	Flash FM	Radiyo Rwanda	VOA	TVR	Igiteranyo	%
A	0	0	0	0	0	1	**1**	**1.4**
B	0	0	0	0	0	0	**0**	**0**
C	0	1	0	0	0	0	**1**	**1.4**
D	0	0	0	0	0	0	**0**	**0**
E	0	0	0	0	0	0	**0**	**0**
F	0	0	0	0	0	0	**0**	**0**
G	4	5	3	18	1	13	**44**	**63.8**
H	0	0	0	0	0	0	**0**	**0**
I	0	0	0	0	0	0	**0**	**0**
J	0	0	0	0	0	0	**0**	**0**
K	0	0	0	0	0	0	**0**	**0**
L	0	0	0	0	0	0	**0**	**0**
M	0	0	0	0	0	0	**0**	**0**
N	3	0	0	4	0	0	**7**	**10.1**
O	1	0	0	2	0	1	**4**	**5.8**
P	0	0	0	0	0	0	**0**	**0**
Q	0	0	0	0	0	0	**0**	**0**

R	0	0	0	0	0	0	**0**	**0**
S	0	0	0	0	0	1	**1**	**1.4**
T	0	0	0	0	0	0	**0**	**0**
U	0	1	0	0	0	0	**1**	**1.4**
V	0	0	0	1	0	1	**2**	**3**
W	0	0	0	1	0	0	**1**	**1.4**
X	0	0	0	0	0	0	**0**	**0**
Y	0	0	0	1	0	1	**2**	**3**
Z	0	0	0	3	0	2	**5**	**7**
Igiteranyo	**8**	**7**	**3**	**30**	**1**	**20**	**69**	**100**

Nk'uko iyi mbonerahamwe ibigaragaza buri ngingo yagiye igarukwaho n'amaradiyo na tereviziyo ku buryo butandukanye. Ingingo yavuzweho cyane ni **"Ukwibuka abazize jenoside"**(G) (63.8%): "Ku murenge wa Nyakarenzo mu karere ka Gashonga, intara ya Cyangugu habereye igikorwa cyo gushyingura ibisigazwa by'abazize jenoside", ***Radiyo Rwanda***, 12/4/2005, 19h00); " Mu ijoro ryakeye kuri stade Amahoro habereye ikiriyo mu rwego rwo kwibuka abazize jenoside", ***TVR***, 9/4/2005, 19h30; " Igihugu cy'u Rwanda cyaratanguye indwi yo kwibuka imyaka cumi n'umwe irangiye habaye ihonyabwoko mu mwaka w'1994", ***VOA***, 8/4/2005.

"**Ubutabera**" (N) ni ingingo yavuzweho kenshi (10.1%). Icyagarutsweho cyane kuri iyo ngingo ni imanza z'abaregwa kuba baragize uruhare muri jenoside bafungiye Arusha muri Tanzaniya: "Ku rukiko mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda ruri Arusha, urubanza rwitiriwe abasirikare mu itsinda rya mbere rwasubukuwe", ***BBC***, 12/4/2005, 18h30; "Arusha ku rukiko mpuzamahanga ku Rwanda hakomeje imanza z'abaregwa uruhare muri jenoside yabaye mu Rwanda" ***Radiyo Rwanda***, 13/4/2005, 19h00; "Abanyororo baregwa ko bateguye iryo tsembabwoko ejo barisonzesheje bashaka kwerekana umubabaro bafise, baranasohoye itangazo bashyizeho igikumu basaba amahanga gukora itohoza ku wakoroye ya ndege yarimo Président Juvénal Habyarimana na mugenzi we Cyprien Ntaryamira w'u Burundi" ***BBC***, 12/4/2005, 18h30".

"**Inkiko Gacaca**" nayo (O) ni ingingo yagarutsweho by' umwihariko (5.8%). Muri iri sesenguramakuru ikaba yaratandukanyijwe n'ubutabera busanzwe kuko inkiko Gacaca ari urwego rwihariye mu Rwanda. Aha amwe mu maradiyo na televiziyo byagize biti: " Inkiko Gacaca zashyiriweho kugira ngo zunganire ubutabera bw'inkiko zisanzwe mu gukemura ibibazo byatewe na jenoside" ***TVR***, 10/4/2005, 19h30; "Abaturage b'akarere ka Kacyiru , Remera na Kimironko kuri iki cyumweru batangaje ko bazavugisha ukuri mu nkiko Gacaca" ***TVR***, 13/4/2005, 19h30,; "Abanyarwanda bagera kuri magana ane bamaze guhungira mu Burundi bahunga inkiko Gacaca" ***BBC***, 12/4/2005, 18h30.

Itangazamakuru rikoresha amajwi n'amashusho ntiryahwemye kuvuga ku kibazo cy' "**ingengabitekerezo ya jenoside**" (Z) (7%): "Abanyabwenge u Rwanda rufite bagira uruhare mu kurwanya jenoside n'ingengabitekerezo yayo ari uko bagiye ku isonga mu gutegura ibikorwa byiza by'ejo hazaza" ***Radiyo Rwanda***,

12/4/2005, 19h00; "Muri kaminuza y'u Rwanda habereye ikiganiro ku bumuntu mbere ya jenoside n'ingengabitekerezo yayo" ***TVR***, 10/4/2005,19h30; "Umuyobobozi wa sena Dr Visenti Biruta, mu mihango yo gusoza icyunamo, aratangaza ko bikabije kubona hari abayobozi mu nzego zose bagihembera ingengabitekerezo ya jenoside" ***Radiyo Rwanda***,12/4/2005, 2005.

Igishushanyo gikurikira kiragaragaza neza uko buri ngingo yagiye ivugwaho mu makuru y'amaradiyo na televiziyo.

Igishushanyo cya 1: Ikivugwaho 1



Nk'uko iki gishushanyo kibyerekana, kwibuka jenoside ni ingingo yavuzweho na buri radiyo na televiziyo byakorewe isesenguramakuru.Radiyo Rwanda ni yo iri ku isonga mu gutangaza inkuru nyinshi (18) ku kwibuka jenoside. Televiziyo y'u Rwanda yo yatangaje inkuru (13), naho Radiyo Contact FM itangaza inkuru (5).

Iki gishushanyo kirerekana kandi ko hari ingingo 15 (zihagarariwe n'inyuguti B,D,E,F, H,I, J, K, L, M,P,Q,R,T,X) zitigeze zikomozwaho n'amaradiyo na televiziyo. (Reba izo ngingo mu magambo arambuye mu mbonerahamwe ya 2).

1.1.2. Ibyibanzweho

Ibyibanzweho n'amaradiyo na televiziyo mu cyumweru cy'icyunamo bikubiye mu ngingo zinyuranye, ari zo zitwa "***icyibanzweho****"* muri iyi raporo. Bimwe muri byo ni ibi: kwibuka abazize jenoside, ingengabitekerezo ya jenoside, kuvugisha ukuri mu nkiko Gacaca, ubutabera nyuma ya jenoside**"** n'izindi zigaragazwa mu mbonerahamwe ikurikira

Imbonerahamwe ya 6: Icyibanzweho 1

Icyibanzweho / Igitangazamakuru	**2a**	**2b**	**2c**	**2d**	**2e**	**2f**	**2g**	**2h**	**2i**	**2j**	**2k**	**2l**	**2m**	**2n**	**Igiteranyo**
BBC	1	0	0	1	1	0	0	0	0	0	4	2	0	0	**9**
Contact FM	1	0	0	0	2	0	0	0	0	0	1	2	1	0	**7**
Flash FM	1	0	0	0	0	0	0	0	0	0	2	0	0	0	**3**
Radiyo Rwanda	1	0	0	3	0	1	1	0	0	0	5	3	15	2	**31**
VOA	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	1	0	0	0	**1**
TVR	1	1	0	0	0	0	0	0	0	0	10	3	4	1	**20**
Igiteranyo	**5**	**1**	**0**	**4**	**3**	**1**	**1**	**0**	**0**	**0**	**23**	**10**	**20**	**3**	**71**
%	**7.0**	**1.4**	**0.0**	**5.6**	**4.2**	**1.4**	**1.4**	**0.0**	**0.0**	**0.0**	**32.4**	**14.1**	**28.2**	**4.2**	**100**

Nk'uko iyi mbonerahamwe ibigaragaza, kwibuka abazize jenoside(2k) (32.4%), ingengabitekerezo ya jenoside(2m) (28.2%), ukuri mu nkiko Gacaca (2l) (14.1%), uburenganzira bw'ikiremwamuntu (2a) (7.0%) n' ubutabera nyuma ya jenoside (2d) (5.6%) ni zo ngingo zibanzweho mu makuru yatangajwe n'amaradiyo na televiziyo.
Igishushanyo gikurikira kirerekana neza uko ibitangazamakuru byagiye byibanda kuri buri ngingo yavuzweho.

Igishushanyo cya 2: Icyibanzweho 1



Iki gishushanyo kiragaragaza ko Televiziyo y'u Rwanda ari yo iza imbere mu kwibanda ku "kwibuka abazize jenoside" (inshuro 10 kuri 23). Radiyo Rwanda kandi iza ku mwanya wa mbere mu kwibanda ku kuvuga ku ngengabitekerezo ya jenoside (inshuro 15 kuri 20). Ukuri mu nkiko Gacaca nayo ni ingingo yibanzweho ku buryo buri radiyo/televiziyo yayivuzeho inshuro zirenze imwe, uretse Flash FM na VOA. Nk'uko byavuzwe haruguru, uburenganzira bwa muntu bwibanzweho na buri radiyo/televiziyo ureste VOA.

1.1.3. Ahantu ibivugwa mu nkuru byabereye

Kwerekana ahantu ibivugwa mu nkuru byabereye ni uburyo bwo kugaragaza uko amaradiyo na televiziyo byatangaje mu cyumweru cy'icyunamo, ibikorwa binyuranye bijyanye no kwibuka byabereye mu ntara zinyuranye z' igihugu ndetse no mu mahanga. Ibi kandi bigaragaza uko itangazamakuru rigerageza kugera mu duce twose tw'igihugu twabereyemo jenoside (icyaro n'imijyi) ndetse no mu mahanga, ahafungiye cyangwa ahihishe abayikoze.

Imbonerahamwe ya 7: Ahantu 1

Igitangazamakuru / Ahantu	BBC	Contact FM	Flash FM	Radiyo Rwanda	TVR	VOA	Igiteranyo	%
Amahanga	5	0	0	5	0	0	**10**	**14.5**
Butare	0	0	0	1	2	0	**3**	**4.3**
Byumba	0	0	0	1	2	0	**3**	**4.3**
Cyangugu	0	0	0	1	0	0	**1**	**1.4**
Gikongoro	0	0	0	2	0	0	**2**	**2.9**
Gisenyi	0	0	0	5	0	0	**5**	**7.2**
Gitarama	0	0	0	1	0	0	**1**	**1.4**
Kibungo	0	0	0	2	1	0	**3**	**4.2**
Kibuye	0	0	0	1	0	0	**1**	**1.4**
Kigali Ngari	0	0	0	2	4	0	**6**	**8.7**
Ruhengeri	0	0	0	1	0	0	**1**	**1.4**
Umujyi wa Kigali	0	5	2	2	9	0	**18**	**26.1**
Umutara	1	1	1	3	2	1	**9**	**13**
Urwego rw'igihugu	2	1	0	3	0	0	**6**	**8.7**
Igiteranyo	**8**	**7**	**3**	**30**	**20**	**1**	**69**	**100**

Nk'uko iyi mbonerahamwe ibigaragaza, *Umujyi wa Kigali* ni wo wibanzweho mu gutara amakuru (26.1%). Intara zavuzweho amakuru make (1.4%) ni Cyangugu, Gitarama na Ruhengeri. Ikindi kandi, biragaragara ko *Radiyo Rwanda* ari yo yabashije kugera mu ntara zose z' igihugu mu rwego rwo gutara no gutangaza amakuru arebana n'ibyakozwe mu cyumweru cy'icyunamo.

Igishushanyo gikurikira kiragaragaza uburyo amaradiyo na televiziyo byatangaje amakuru ku rwego rw'intara, urw'igihugu ndetse n'urwego mpuzamahanga.

Igishushanyo cya 3: Ahantu 1



1.1.4. Inkomoko y'inkuru

Muri iyi raporo kandi hagaragajwe inkomoko y'inkuru, ni ukuvuga ingeri zinyuranye z'abantu (abayobozi, abayoborwa cyangwa inyandiko zabo) batanze ibitekerezo mu gihe cyo kwibuka ku nshuro ya 11 jenoside yabaye mu Rwanda. Imbonerahamwe ikurikira ndetse n'igishushanyo kiyiherekeza birerekana neza uko amaradiyo na televiziyo byatangaje amakuru anyuranye hakurikijwe inkomoko yayo.

Imbonerahamwe ya 8: Inkomoko y'inkuru 1

Inkomoko y'inkuru / Igitangazamakuru	**S1**	**S2**	**S3**	**S4**	**S5**	**S6**	**S7**	**S8**	**S9**	**S10**	**Igiteranyo**
BBC	2	1	0	3	2	0	0	0	0	0	8
Contact FM	2	3	2	0	0	0	0	0	0	0	7
Flash FM	0	3	0	0	0	0	0	0	0	0	3
Radiyo Rwanda	6	18	0	2	3	0	1	0	0	0	30
VOA	1	0	0	0	0	0	0	0	0	0	1
TVR	5	14	0	0	0	0	1	0	0	0	20
Igiteranyo	**16**	**39**	**2**	**5**	**5**	**0**	**2**	**0**	**0**	**0**	**69**
%	**23.2**	**56.5**	**2.9**	**7.2**	**7.1**	**0**	**2.9**	**0**	**0**	**0**	**100**

Igishushanyo cya 4: Inkomoko y'inkuru 1



Nk'uko iki gishushanyo kibigaragaza, "abayobozi" (S2) (56.5%), "abayobozi n'abayoborwa" (S1) (23.2 %) ni zo nkomoko z'inkuru zifashishijwe kurusha izindi mu itara n'itangazamakuru ku maradiyo na televiziyo mu cyumweru cy'icyunamo. Inkomkoko z'inkuru zitifashishijwe mu gutara amakuru yakorewe isesengura ni S6; S8; S9; S10 (reba ibisobanuro mu magambo arambuye mu mbonerahamwe ya 4).

IGICE CYA KABIRI

II. ITANGAZAMAKURU RIKORESHA INYANDIKO

2.1. GUTANGAZA INKURU

Mu gusesengura inkuru zatangajwe mu gihe cy'icyunamo hibukwa ku nshuro ya 11 mu Rwanda habaye jenoside, ibinyamakuru nabyo byakorewe isesengura kugira ngo harebwe uburyo byatangaje amakuru, bikanajijura abanyarwanda ndetse n'abanyamahanga ku bijyanye no kwibuka jenoside yabaye mu Rwanda. Nk'uko byavuzwe mu ntangiriro, ibinyamakuru byakorewe isesengura ni ibyasohoye inyandiko zivuga kuri jenoside hagati y'itariki ya 4 n'iya 18 Mata 2005.

2.1.1. UBWOKO BW'INKURU ZATANGAJWE

Nk'uko itangazamakuru rifite inshingano yo kujijura, ni ukuvuga ko rifite ubushobozi bwo kugira icyo ryongera cyangwa rihindura mu myumvire ya rubanda. Ibyo rero ntiryabigeraho mu gutangaza ibyabaye gusa, ahubwo ni na ngombwa gutanga ibitekerezo bwite by'abanyamakuru, kugaragaza icyo rubanda itekereza ku byatangajwe cyangwa ibibazo ifite, kubisesengura, n'ibindi. Ni ku bw'ibyo rero mu isesenguramakuru ryakozwe ku byatangajwe n'ibinyamakuru ku bijyanye no kwibuka ku nshuro ya 11 jenoside yabaye mu Rwanda, abasesenguramakuru bashatse kugaragaza aho abanditsi b'inkuru bahagaze mu kugaragaza ibitekerezo byabo bwite cyangwa ibya rubanda ku ngingo zimwe na zimwe nko kwibuka abazize jenoside, ubumwe n'ubwiyunge, inkiko gacaca, ingengabitekerezo ya jenoside, n'ibindi. Kugira ngo ibyo bigerweho, habanje kugaragazwa ubwoko bw'inkuru zatangajwe.

Imbonerahamwe ya 9: Ubwoko bw'inkuru

Ikinyamakuru / **Ubwoko bw'inkuru**	**Imvaho Nshya**	**Umuseso**	**Ubumwe**	**La Nouvelle Relève**	**Kinyamateka**	**Rushyashya**	**The New Times**	**Ingabo**	**Igiteranyo**	**%**
Inkuru ivuga ibyabaye	12	2	2	7	3	0	9	4	39	**59.1**
Ikiganiro	0	4	1	0	0	1	2	0	8	**12.1**
Ijambo ry'ibanze	0	1	1	0	0	1	0	0	3	**4.5**
Igitekerezo bwite	0	2	0	0	0	0	0	2	4	**6.1**
Inkuru isesengura	0	0	0	0	0	0	2	0	2	**3.0**

Ikusanyabitekerezo	0	0	0	7	0	0	0	0	7	**10.6**
Igishushanyo	0	0	0	0	0	0	0	0	0	**0.0**
Ifoto	0	0	0	0	0	0	0	0	0	**0.0**
Inshamake	0	0	0	0	0	0	0	0	0	**0.0**
ibindi	0	0	0	0	2	1	0	0	3	**4.5**
Igiteranyo	**12**	**9**	**4**	**14**	**5**	**3**	**13**	**6**	**66**	**100**

Nk'uko imbonerahamwe nº 9 ibigaragaza, ibinyamakuru byakorewe isesengura byakunze gutangaza inkuru zivuga ibyabaye (59.1 %). Muri ibyo binyamakuru kandi harimo ibigaragaramo ikusanyabitekerezo (10.6%) n'ibiganiro (12.1%). Inkuru zivuga ibitekerezo bwite zigeze kuri 6.1%, izisesengura kuri 3%, naho ijambo ry'ibanze rikaba rigera kuri 4.5%. Ibi rero byerekana ko inshingano yo kumenyesha ibyabaye yibanzweho kurusha izindi. Igishushanyo gikurikira kirerekana neza aho buri kinyamakuru muri byo gihagaze mu kuzuza izo nshingano.

Igishushanyo cya 5: Ubwoko bw'inkuru



Iki gishushanyo kirerekana ko ibinyamakuru byagerageje gutangaza inkuru zinyuranye uretse ***Imvaho Nshya*** yibanze ku nkuru zivuga ibyabaye gusa (12). Muri ibyo binyamakuru kandi, inkuru zivuga ibitekerezo bwite zigaragara mu kinyamakuru ***Umuseso*** (2) ndetse n' ***Ingabo*** (2). Inkuru zivuga ibitekerezo by'abandi (Ikusanyabitekerezo) zigaragara mu kinyamakuru ***La Nouvelle Relève*** (7) gusa. Inkuru zisesengura zigaragara mu kinyamaku ***The New Times*** (2).

2.1.2. IBYATANGAJWE

Ibinyamakuru byakorewe isesengura ni umunani nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe nº1, naho inkuru zasesenguwe zose hamwe ni 66. Muri iryo sesenguramakuru, nk'uko byakozwe ku maradiyo na televiziyo, ingingo

zagendeweho ni: ikivugwaho, icyibanzweho mu nkuru, inkomoko n'ahantu ibivugwa mu nkuru byabereye.

Ibyatangajwe mu binyamakuru bikubiye mu ngingo zinyuranye ari zo zitwa *ikivugwaho* muri iyi raporo. Izo ngingo ni ukwibuka abazize jenoside, ingengabitekerezo ya jenoside , inkiko Gacaca, umutekano w'abacitse ku icumu, n'izindi zigaragara mu mbonerahamwe ń 2, aho buri ngingo ihagarariwe n'ikimenyetso cy'inyuguti.

Imbonerahamwe ya 10: Ikivugwaho 2

Ikinyamakuru / Ikivugwaho	**Imvaho Nshya**	**Umuseso**	**Ubumwe**	**La Nouvelle Relève**	**Kinyamateka**	**Rushyashya**	**The New Times**	**Ingabo**	**Igiteranyo**	**%**
A	3	1	0	0	0	0	0	0	4	**6.1**
B	0	0	0	5	0	2	0	0	7	**10.6**
C	0	0	0	0	0	0	1	0	1	**1.5**
D	0	0	0	1	0	0	0	0	1	**1.6**
E	0	0	0	0	0	0	0	0	0	**0**
F	0	0	0	0	0	0	0	0	0	**0**
G	9	8	4	6	5	0	9	6	47	**71.2**
H	0	0	0	0	0	0	0	0	0	**0**
I	0	0	0	0	0	0	0	0	0	**0**
J	0	0	0	0	0	0	0	0	0	**0**
K	0	0	0	0	0	0	2	0	2	**3.0**
L	0	0	0	0	0	0	0	0	0	**0**
M	0	0	0	1	0	0	0	0	1	**1.6**
N	0	0	0	0	0	0	0	0	0	**0**
O	0	0	0	1	0	0	0	0	1	**1.6**
P	0	0	0	0	0	0	0	0	0	**0**
Q	0	0	0	0	0	0	1	0	1	**1.6**
R	0	0	0	0	0	0	0	0	0	**0**
S	0	0	0	0	0	0	0	0	0	**0**
T	0	0	0	0	0	0	0	0	0	**0**
U	0	0	0	0	0	0	0	0	0	**0**
V	0	0	0	0	0	0	0	0	0	**0**
W	0	0	0	0	0	0	0	0	0	**0**
X	0	0	0	0	0	0	0	0	0	**0**
Y	0	0	0	0	0	0	0	0	0	**0**
Z	0	0	0	0	0	1	0	0	1	**1.6**
Igiteranyo	**12**	**9**	**4**	**14**	**5**	**3**	**13**	**6**	**66**	**100**

Nk'uko bigaragara muri iyi mbonerahamwe, hari ingingo zavuzweho cyane kurusha izindi. Kwibuka jenoside (G) (71.2%) ni yo ngingo iza ku mwanya wa mbere. Kuri iyi ngingo, ibinyamakuru byakunze kwandika no kugaragaza amafoto y'ibijyanye n' imihango (gushyingura, ubuhamya bw'abarokotse itsembabwoko, amagambo yahavuzwe n' abayobozi, …) yo kwibuka yaberaga mu ntara zinyuranye z' igihugu. Aha bimwe muri byo byagize biti : "Tell the truth"-Kagame, ***The New Times*** n° 672, 8-10 April 2005; "Ubuhamya bwa NTAGORAMA Jacques bwatumye n'abari bihanganye barira" ***Ingabo*** n° 125, Mata 2005, p. 9 ; "Kwibuka ntibigomba guharirwa bamwe" ***Umuseso*** n° 213, 08-11 Mata 2005.

Imibereho y'abacitse ku icumu (B)(10.6%) nayo ni ingingo yanditsweho kenshi n'ikinyamakuru La Nouvelle Relève mu nimero yacyo ya 511. Inkuru zigaragara muri iyo nimero zikaba zikomoka mu ntara zinyuranye z'igihugu: "Ruhengeri: indignation des rescapés du génocide" ***La Nouvelle Relève*** n° 511, 04-11 avril 2005, p. 15 ; "Kibuye : Veuves sans abris, orphelins affamés. Où sont les ONGs ? " ***La Nouvelle Relève*** n° 511, 04-11 avril 2005, p. 14. "Le FARG laisse beaucoup d'œuvres inachevées à Kibungo" ***La Nouvelle Relève*** n° 511, 04-11 avril 2005, p. 17.

Ibinyamakuru kandi ntibyahwemye kwandika ku cyateye jenoside (A) (6.1%) : «Bugesera : Isuzumatsembabwoko yatangiye kuva muri 73 » ***Imvaho Nshya*** n°1596, 11-17 Mata 2005, p. 32; "Umunsi wo kwibuka itsembabwoko i Murambi. Ryateguwe rite, ryakozwe rite, ryakozwe na nde ?" ***Imvaho Nshya*** n°1595, 04-10 Mata 2005, p. 1,2,3&4; « 1990-1994, inzira y'umusaraba. Ibigeragezo: Kubona intsinzi, ku rundi ruhande miliyoni y'abantu igashira » ***Umuseso*** n° 213, 08-11 Mata 2005, p.4.

Hari kandi ingingo zavuzweho gake nk' ubushakashatsi kuri jenoside (K) (3.0 %), ingengabitekerzo ya jenoside(Z) (1.6%), inkiko Gacaca (O) (1.6%), hakaba n'izindi nyinshi zitigeze zivugwaho nk'uko imbonerahamwe ya 10 ibigaragaza. Izo ngingo ni izi : E,F,H,I,J,L,N,P,R,ST,U,V,W,X,Y (reba ibisobanuro byazo mu magambo arambuye mu mbonerahamwe ya 2).

2.1.3. ICYIBANZWEHO

Mu gusesengura inkuru zatangajwe n'ibinyamakuru, harebwe kandi icyo inkuru yibandaho. Mu byavuzweho ingingo zibanzweho ziragaragazwa mu mbonerahamwe ikurikira zikaba zitwa "***icyibanzweho***".

Imbonerahamwe ya 11: Icyibanzweho 2

Ikinyamakuru / Icyibanzweho	Imvaho Nshya	Umuseso	Ubumwe	La Nouvelle Relève	Kinyamateka	Rushyashya	The New Times	Ingabo	Igiteranyo	%
2a	0	1	0	0	0	0	3	1	5	**7.6**
2b	3	1	0	0	0	0	0	0	4	**6.1**
2c	0	0	0	0	0	0	0	0	0	**0**
2d	0	0	0	1	1	0	1	0	3	**4.5**
2e	0	1	1	2	0	0	2	0	6	**9.1**
2f	0	0	0	0	0	0	0	0	0	**0**
2g	0	0	0	4	0	0	0	0	4	**6.3**
2h	0	0	0	0	0	0	0	0	0	**0**
2i	0	1	0	1	0	1	0	0	3	**4.5**
2j	0	0	0	0	0	0	0	0	0	**0**
2k	7	1	0	6	2	0	4	4	24	**36**
2l	1	3	3	0	2	1	2	0	12	**18**
2m	1	1	0	0	0	1	0	1	4	**6.3**
2n	0	0	0	0	0	0	1	0	1	**1.5**
Igiteranyo	**12**	**9**	**4**	**14**	**5**	**3**	**13**	**6**	**66**	**100**

Ingingo zibanzweho kurusha izindi nk'uko imbonerahamwe ˚10 ibigaragaza ni **Ukwibuka abazize jenoside (2k)** yagarutsweho inshuro 24 zingana na 36%. Iyi ngingo ikaba yaribanzweho n'ibinyamakuru k'uburyo butandukanye. Imvaho Nshya yayivuzeho inshuro 7 zingana na 10.9%, La Nouvelle Relève iyivugaho inshuro 6 zingana na 9.3%, Ingabo na The New Times biyigarukaho inshuro 4 bingana na 6.2%, Kinyamateka iyigarukaho inshuro 2 zingana na 3.1%, Umuseso uyigarukaho inshuro 1 ingana na 1.5%.

Indi ngingo yibanzweho ni **ukuvugisha ukuri mu nkiko gacaca (2l),** yagarutseho inshuro 11 bingana na 18%. Ibinyamakuru bikaba byaragiye biyivugaho ku buryo bukurikira: Umuseso n'Ubumwe byayigarutseho inshuro 3 bingana na 4.6%, Kinyamateka na The New Times byayigarutseho inshuro 2 bingana na 3.1%, Imvaho Nshya inshuro imwe ingana na 1.5%.

Nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ya 11, zimwe mu ngingo zibanzweho na bimwe mu binyamakuru hari ibinyamakuru bitigeze binazivugaho, hakaba ndetse n'izindi usanga nta kinyamakuru na kimwe cyazikomojeho.

Iki gishushanyo kiragaragaza kandi uko buri kinyamakuru cyagiye cyibanda ku ngingo zavuzwe ku buryo bukurikira: "Kwibuka jenoside"; ibinyamakuru byayivuzeho inshuro 24 bingana na 36%. Indi ngingo yibanzweho

n'ibinyamakuru byakorewe isesengura ni "ukuvugisha ukuri mu nkiko Gacaca" yavuzwe inshuro 11 zingana na 17% .

Igishushanyo cya 6: Icyibanzweho 2



2.1.4. INKOMOKO Y'INKURU

Mu gutara amakuru anyuranye, yuzuye kandi atabogamye, nk'uko Itegeko nº 18/2002 (ingingo ya 68 [4]) n'amahame (ingingo ya 3; 5; 11) bigenga abanyamakuru n'umwuga w'itangazamakuru mu Rwanda bibiteganya, kugaragaza inkomoko y'inkuru ni ngombwa. Kubera iyo mpamvu, muri iri sesenguramakuru hagaragajwe ingeri z'abantu (abayobozi; abayoborwa) n'inyandiko inkuru zatangajwe mu binyamakuru zikomokaho. Nk'uko byagaragajwe mu mbonerahamwe nº 4, buri ngeri ihagarariwe n'ikimenyetso S wongeyeho umubare uri hagati ya 1 na 10.

Imbonerahamwe n° 12: Inkomoko y'inkuru 2

Inkomko y'inkuru / Igitangazamakuru	**S1**	**S2**	**S3**	**S4**	**S5**	**S5**	**S6**	**S7**	**S8**	**S9**	**S10**
Imvaho Nshya	1	9	0	0	0	0	0	0	0	0	0

Umuseso	5	0	0	0	0	1	0	0	0	0	0
Ubumwe	0	1	1	0	0	1	0	0	0	0	0
La Nouvelle Relève	2	10	2	0	0	0	0	0	0	0	0
Kinyamateka	1	3	0	0	0	0	0	0	0	0	0
Rushyashya	0	0	1	0	0	0	0	0	0	0	0
The New Times	2	4	4	1	0	0	0	1	0	0	0
Ingabo	2	1	0	0	0	0	0	0	0	0	0
Igiteranyo	**13**	**28**	**8**	**1**	**0**	**2**	**0**	**1**	**0**	**0**	**0**
%	**24.5**	**52.8**	**15.1**	**1.9**	**0.0**	**3.8**	**0.0**	**1.9**	**0.0**	**0.0**	**0.0**

Nk'uko bigaragazwa mu mbonerahamwe n˚11, itsinda ry' abayobozi n'abayoborwa (S2) nibo babaye inkomoko y'inkuru kenshi (52.8%). Hari kandi itsinda ry'abayobozi ubwabo (S1) (24.5%) n' iry' abayoborwa ubwabo (S3) (15.1%). Ibi bikaba byerekana ko mu gutara inkuru zijyanye no kwibuka jenoside ku nshuro ya 11, abanyamakuru bakunze kwibanda ku kugaragaza ibitekerezo by' abayobozi cyane kurusha iby' abayoborwa.

Andi makuru agaragara mu binyamakuru byasesenguwe ni akomoka mu biro ntaramakuru (S5) (3.5 %) ("Umwami Kigeli arashaka minisiteri y'abacitse ku icumu" ***Umuseso*** n˚ 214, 14-24 Mata 2005, p. 2"); ku banyamahanga (S4) (1.9 %) ("Speak-Out Vigil" on genocide at the White House" ***The New Times*** n˚ 672, April 8-10,2005, p.5) ; no mu nyadiko (S7) (1.9 %) ("The Church's blind eye to Genocide in Rwanda" ***The New Times*** n˚ 674, April 13-14, 2005, p.6).

Igishushanyo gikurikira kiragaragaza uko buri kinyamakuru cyagiye kigaragaza inkomoko y'ibyo cyatangaje mu makuru.

Igishushanyo cya 7: Inkomoko y'inkuru 2



2.1.5. AHANTU IBIVUGWA MU NKURU BYABEREYE

Nk'uko buri nkuru itangazwa iba ifite aho yabereye, muri iri sesengura hitawe na none ku kureba aho inkuru zatangajwe n'ibinyakuru zabereye, ni ukuvuga intara zinyuranye z'igihugu, umujyi wa Kigali, urwego rw'igihugu cyangwa amahanga. Ibi bikaba byari bigamije kugaragaza uko ibinyamakuru byatangaje amakuru y'ahantu hanyuranye.

Imbonerahamwe ya 13: Ahantu 2

Ikinyamakuru / Ahantu	Imvaho Nshya	Umuseso	Ubumwe	La Nouvelle Relève	Kinyamateka	Rushyashya	The New Times	Ingabo	Igiteranyo	%
Amahanga	1	1	1	0	0	0	1	0	4	**6.1**
Butare	1	0	0	2	0	0	3	0	6	**9.1**
Byumba	0	0	0	0	0	0	0	0	0	**0.0**
Cyangugu	1	0	2	0	0	0	0	0	3	**4.5**
Gikongoro	1	0	0	1	0	0	0	0	2	**3.0**
Gisenyi	1	0	0	0	0	0	0	0	1	**1.5**
Gitarama	1	0	0	0	0	0	0	0	1	**1.5**
Kibungo	1	0	0	2	0	0	0	0	3	**4.7**
Kibuye	0	0	0	2	0	0	0	0	2	**3.1**
Kigali Ngali	0	0	0	1	0	0	0	1	2	**3.1**
Ruhengeri	0	0	0	2	0	1	2	0	5	**7.6**
Umunjyi wa Kigali	1	0	0	1	1	0	2	0	5	**7.8**
Umutara	3	1	0	1	1	0	2	1	9	**13.6**
Urwego rw'igihugu	1	7	1	2	3	2	3	4	23	**34.8**
Igiteranyo	**12**	**9**	**4**	**14**	**5**	**3**	**13**	**6**	**66**	**100**

Nk'uko imbonerahamwe n° 12 ibigaragaza, mu nkuru zirebana n'icyumweru cyo kwibuka zasohotse mu binyamakuru byakorewe isesengura, inyinshi muri zo ni inkuru zishyirwa mu rwego rw'igihugu (34.8 %). Ibi bikaba byerekana ko ibinyamakuru byakunze kwandika ku mihango yo kwibuka (gushyingura/ ibiganiro) yateguwe ku rwego rw'igihugu ndetse no ku magambo ajyana nabyo.

Mu binyamakuru byakorewe isesengura harimo kandi ibivuga ibyabereye mu mahanga (6.1%). Ibyo ni Imvaho Nshya ("I Bugande bibutse abazize jenoside mu Rwanda" ***Imvaho Nshya*** n° 1596, 11-17 Mata 2005, p. 1&2), Umuseso ("Umwami Kigeli arashaka minisiteri y'abacitse ku icumu" ***Umuseso*** n° 214, 14-21 Mata 2005, p.2&19), Ubumwe ("Ibihugu n'imiryango mpuzamahanga byemeye uruhare byagize mu itsembabatutsi bigomba gufatanya na Leta kuriha indishyi y'akababaro yo kubaka u Rwanda- Kigeli V Ndahindurwa" ***Ubumwe*** n°

136, 14-20 Mata 2005, p. 3) na The New Times ("Speak-Out Vigil" on genocide at the White House" ***The New Times*** n° 672, April 8-12, 2005, p. 5).

Igishushanyo gikurikira kirerekana neza uburyo buri kinyamakuru cyatangaje inkuru zikomoka mu ntara zinyuranye z'u Rwanda ndetse no mu mahanga.

Igishushanyo cya 8: Ahantu 2



Nk'uko iki gishushanyo kibyerekana, intara y' **Umutara** ni yo iza ku isonga mu kwandikwaho inkuru nyishi (13.6%); buri kinyamakuru mu byasesenguwe, uretse ***Ubumwe*** n° 136 na ***Rushyashya*** n° 29, byanditse ku mihango itangira icyumweru cyo kwibuka yabereye muri iyo ntara. Intara ya **Byumba** yo nta kinyamakuru na kimwe cyanditse kivuga ibyahabereye mu rwego rwo kwibuka jenoside.

Mu rwego kandi rwo gutangaza amakuru yo mu ntara zinyuranye z'igihugu, ibinyamakuru biza imbere y'ibindi ni ***Imvaho Nshya*** (intara 8 n'umujyi wa Kigali) na ***La Nouvelle Relève*** (intara 7 n'umujyi wa Kigali).

UMWANZURO N'IBYIFUZONAMA

Nyuma y'isesengura ry'inkuru zatangajwe n'amaradiyo na televiziyo mu cyumweru cy'icyunamo ubwo hibukwaga ku nshuro ya 11 jenoside yabaye mu Rwanda mu mwaka w' 1994, biragaragara ko buri radiyo na televiziyo byakorewe isesenguramakuru byagerageje kugira icyo bitangaza ku byavuzwe n'ibyakozwe muri icyo gihe. By'umwihariko, mu nkuru 69 zatangajwe, Radiyo Rwanda ni yo yatangaje inkuru nyinshi (43.4%), igakurikirwa na Televiziyo y' u Rwanda (28.9%) na BBC (11.5%). Mu nkuru zose zatangajwe, ingingo zibanzweho kurusha izindi ni: ukwibuka abazize jenoside (32.4%), ingengabitekerezo ya jenoside (28.2%), n' ukuri mu nkiko Gacaca (14.1%).

Ku birebana n'ahantu ibivugwa mu nkuru byabereye, Radiyo Rwanda ni yo yabashije gutara no gutangaza amakuru yo mu ntara zose z'igihugu. Mu nkuru zatangajwe ku byabereye mu gihugu, Umujyi wa Kigali ni wo wibanzweho cyane (23%), ugakurikirwa n'Amahanga (15%) n'intara y' Umutara (11.5%).

Ku bijyanye n' inkomoko y'inkuru, abayobozi n'abayoborwa (S2) ni bo baza ku mwanya wa mbere mu kuba isoko y'inkuru (56.5%), naho abayobozi ubwabo (23.2%) bakaza ku mwanya wa kabiri.

Mu makuru yatangajwe n' amaradiyo mu gihe cyo kwibuka jenoside ku nshuro ya cumi n'imwe, amaradiyo y'amahanga avuga ku karere k'ibiyaga bigari (BBC&VOA) ni yo yonyine yagaragaje ibitekerezo by'abatavuga rumwe na Leta y'u Rwanda.

Igice cya kabiri cy'iyi raporo kiragaragaza ko ibinyamakuru byakorewe isesengura byagerageje kuzuza inshingano zabyo, bimenyesha abanyarwanda n'abanyamahanga ibyakozwe mu rwego rwo kwibuka jenoside yahekuye u Rwanda mu mwaka w'1994, kandi bikangurira abanyarwanda guhangana n'ibibazo byakuruwe nayo. Mu nkuru 66 zasesenguwe, ibinyamakuru byasohoye inkuru nyishi ni ***La Nouvelle Relève*** yatangaje 14, ***The New Times*** itangaza 13, ***Imvaho Nshya*** itangaza 12, naho ***Umuseso*** utangaza 9.

Ingingo zibanzweho mu binyamakuru kurusha izindi ni: ukwibuka abazize jenoside (2k) (36 %), kuvugisha ukuri mu nkiko Gacaca (2l) (18%), ibibazo by'abacitse ku icumu (2e) (9.1%), uburenganzira bwa muntu (2a) (7.6%), ingengabitekerezo ya jenoside (2m) (6.3%), n'imibereho y'imfubyi n'abapfakazi (6.3%).

Mu rwego rwo gutara no gutangaza amakuru anyuranye, inkuru nyinshi mu zasesenguwe zishyirwa mu rwego rw'igihugu (34.8%). Ku rwego rw'intara, Umutara ni wo wanditsweho kenshi (13.6%), akaba ari naho habereye umuhango wo gutangiza icyunamo ku rwego rw'igihugu muri uyu mwaka. Intara ya Byumba yo nta nkuru n'imwe yerekeranye no kwibuka jenoside yayanditsweho.

Ntawabura ariko kugira icyo avuga ku bwoko bw'inkuru zatangajwe mu binyamakuru byakorewe isesengura. Usanga inyinshi muri zo ari izivuga ibyabaye (59.1%). Uretse kuvuga ibyabaye, ibinyamakuru ***Umuseso*** na ***The New Times*** ni byo byaje imbere y'ibindi mu guhugura/kwigisha abasomyi babyo bigaragaza ibitekerezo by'abantu batandukanye mu ikusanyabitekerezo, mu biganiro, mu nyandiko zisesengura, ndetse no mu bitekerezo bwite.

Nyuma y'iri sesenguramakuru ry'ibyatangajwe n'ibinyamakuru, amaradiyo na televiziyo mu gihe cyo kwibuka jenoside yabaye mu Rwanda ku nshuro ya 11, ikipe y'abasesenguramakuru irasanga ibyo bitangazamakuru byarakoze uko bishoboye ngo byuzuze inshingano zabyo. Icyo ryanengwa ni uko ritabashije kugera mu ntara zose z'igihugu (imijyi n'ibyaro). Hari kandi ingingo zitavuzweho kandi byari ngombwa (urugero: uruhare rw'itagazamakuru muri jenoside), hakaba n'izindi zavuzweho ariko ntizibandweho (urugero: ubumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwada).

IBYIFUZONAMA

- Ibitangazamakuru ntibikwiye kwibanda gusa ku gutangaza ibyabaye no ku magambo yavuzwe n'abayobozi; ahubwo bigomba kugira icyo bibivugaho bikanabisesengura.

- Kugerageza gutangaza amakuru yuzuye kandi atabogamye; ni ukuvuga amakuru y'ahantu hanyuranye kandi agaragaza ibitekerezo by'ingeri zinyuranye z'abantu bavugwa mu nkuru.

- Itangazamakuru ryo mu Rwanda rikwiye kurushaho kwegera abaturage no kugera mu duce tunyuranye tw'igihugu mu gutara inkuru.

- Itangazamakuru ryandika rikwiye kurushaho kugaragaza ibitekerezo by'abaturage ku bumwe n'ubwiyunge, inkiko Gacaca, ingengabitekerezo ya jenoside n'ibindi.

- Ibitangazamakuru bitagize icyo bitangaza mu gihe cyo kwibuka bikwiye kumenya ko inshingano zabyo (kumenyesha no kwigisha abaturage ku bikorwa byose bibafitiye akamaro) zikomeza no mu gihe cy'icyunamo.

❖